MEDIA WEEKLY MEDIA

Umwezi

1. ***RSSB : Inozwa ry'ibikorwa by'Ubuvuzi bitangwa na Mutuweli***

Umwezi (N˚140) watangaje mu nkuru yawo yo ku wa 10-28 Werurwe, 2016 ko ibimaze kugerwaho mu gutanga ibikorwa by'ubuvuzi na Mutuweli, kuva ubuyobozi bwayo bwashyirwa muri RSSB ari byinshi. Kugeza ubu umuntu wese ufite ikarita ya Mutuweli ashobora kwivuriza aho ageze hose mu Rwanda, bitandukanye n'uko mbere umuntu yivurizaga aho yafatiye ikarita gusa. Ku bijyanye n'ibirane byakunze kugaragara mu mafagitire, RSSB yemeza ko nta kirarane kitarishyurwa kandi ko hishyurwa imiti iri ku rutonde rwatanzwe na MINISANTE.
Umwezi watangaje kandi ko umwenda Leta yari isigayemo Mutuweli muri 13,000,000,000Frw **wose wamaze kwishyurwa.** Utangaza kandi ko abarwayi bagana ibitaro baganiriye baganiriye batangaje ko hari impinduka nyinshi zimaze kugaragara kuva Mutuweli yakwegurirwa RSSB.

Igihe Ltd

1. ***RSSB iributsa Abanyarwanda guteganyiriza izabukuru***

Igihe Ltd mu nkuru yacyo yo ku wa 17 Werurwe, 2016 ivuga ko inama y'imishyikirano yo mu 2015 umwanzuro wayo wa 10 wasabaga abayobozi gushishikariza Abanyarwanda b'ingeri zose kugira umuco wo kwizigamira harimo no guteganyiriza izabukuru. Muri iyo nkuru gitangaza ko RSSB ishishikariza abantu b'ingeri zose badafite umushahara w'ukwezi ariko bafite icyo binjiza ko bakwiteganyiri ku bushake.
Igihe cyasobanuye muri iyo nkuru ko uwiteganyiriza atanga 6% y'umushahara yigeneye wa buri kwezi kandi akaba yemerewe kuwuhindura mu gihe cy'imyaka itatu yiteganyiriza kandi ntarenze 30% byayo. Igihe Ltd kandi cyagagaraje muri iyo nkuru ibisabwa kugirango umuntu ajye muri ubwo bwiteganyirize bwo ku bushake.
Inkuru irambuye : http://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/rssb-iributsa-abanyarwanda-guteganyiriza-izabukuru-nk-uko-inama-y-umushyikirano
Broadcast Programmes

Radio Rwanda

RSSB weekly talk show: Ikiganiro cyanyuze kuri Radio Rwanda ku wa gatandatu tariki ya 19/03/2016 cyavuze ku bijyanye n'Ubwishingizi bw'Indwara muri rusange.

TVR programmes

Ku cyumweru cyo ku wa 13/03/2016, hatambutse ikiganiro kuri TVR cyari kigamije gusobanurira abanyarwa aho imwe mu myanzuro yo mu mwiherero wo 2015 igeze ishyirwa mu bikorwa. Uhagarariye ishami rya mituweli muri RSSB niwe waserukiye RSSB asobanura ako

igikorwa cyo gushyira mutuweli muri RSSB ubu gihagaze, ibimaze kugerwaho n'ingorane zirimo. Muri icyo kiganiro kandi hari harimo Umuyobozi Mukuru w'Inama y"ubutegetsi ya RSSB wari watumiwe ahagarariye ihuriro ry'ibigo by'ubwishingizi bw'indwara mu Rwanda (Rwanda Health Insurance Association).

Tweets on RSSB

@RssbInfo Deputy DG **@HKBSol** received students from Portland Oregon College USA **@RSSB** The purpose of the visit was to know about the effectiveness and sustainability of **#Mituweli @Rwanda**.

3029 followers; 1 retweet; 0 like

Internal News /Events

1. Kuri uyu wa 15 Werurwe, 2016 RSSB, yakiriye abanyeshuri 16 bo muri " college ya Portland Oregon USA bari baje mu Rwanda mu rugendoshuri ku bijyanye n'amakirambirane n'iterambere. Abo banyeshuri basuye RSSB banabonana n'Umuyobozi mukuru wungirije ushinzwe n'umuyobozi wungirije ushinzwe ibigenerwa abaiteganyirije n'ishami rya Mutuweli mu rwego rwo kumenya uko Leta y'u Rwanda yashoboye gucunga Mutuweli ihuriwemo n'abanyarwanda bose.

2. Mu rwego rwo kureba no kugenzura ishyirwa mu ibikorwa rya gahunda yo guhuza ibigo bya Leta Komisiyo ya Sena ya politki n'imiyoborere myiza yasuye ishami rya **RSSB rya Musanze** ku wa kane tariki ya 17/03/2016. Mu biganiro byahabereye Komisiyo yifuje kumenya uko ivanga rihagaze niba abakozi bose baramaze guhuzwa neza, uko RSSB ikorana n'abafatanyabikorwa banyuranye (Centres de santé, SACCO) ndetse naho gahunda yo kwishyura ibirarane Leta yari ibereyemo Mutuweli igeze. Uhagarariye Ishami yasobanuye ko amasezerano hagati y'abafatanyabikorwa yakozwe kandi yubahurizwa, ku bijyanye no guhuzwa kw'abakozi yasobanuye ko nta kibazo kirimo abakozi bahemberwa igihe kandi neza kandi bose bari ku rutonde rwo guhemberwaho, ku bijyanye n'ibirarane yatangaje ko byose byamaze kwishyurwa.

   Hatanzwe ibyifuzo : Ku ruhande rwa RSSB bavuze ko abakozi ari bake ariko Komisiyo isanga icyo kibazo cyacyemurwa n'Ubuyobozi bwa RSSB.

Moses Kazoora, ACIM
Director PR, Communication and Education
Rwanda Social Security Board
Tel: +250 788357575
E-mail: moses.kazoora@rssb.rw, kazooram@gmail.com